MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI

No 118 Nyakanga 2016



# UMURYANGO MPUZAMAHANGA IDEA MU NZIRA Y'IMIKORANIRE N'IHURIRO

Kuwa kane tariki ya 14/07/2016, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ryakiriye umuyobozi wa International Institute for Democracy and Electoral Assistance (International IDEA) ushinzwe Afrika n'Aziya *Pr. Adebayo Olukoshi* ngo barebera hamwe umurongo w'imikoranire mu gihe kiri imbere kandi kirambye.



*Madamu MUKABUNANI Christine afungura ibiganiro*

Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKABUNANI Christine wakiriye iyi delegasiyo, yababwiye ko Ihuriro ari urubuga Imitwe ya politiki yunguriranamo ibitekerezo ikaganira ku bibazo biremereye Igihugu; igatanga inama kuri politiki na gahunda z'Igihugu.

Ababwira kandi ko ari Urwego ruhoroho rwo kongerera ubushobozi Imitwe ya politiki ; rukaba n'Urubuga rwo gufasha gukemura amakimbirane no gushimangira imyitwarire ikwiye kuranga Imitwe ya politiki n'Abanyapolitiki.

Umuvugizi yabwiye iyi delegasiyo ya International IDEA ko Ihuriro ryiteguye kugirana nabo imikoranire myiza kandi y'igihe kirekire.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald yasobanuriye iyi delegasiyo imikorere y'Ihuriro n'imikoranire yaryo n'Imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho Ihuriro rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, anababwira uruhare rw'Ihuriro mu gukemura impaka zishobora kuvuka mu Mitwe ya Politiki ubwayo.

Mu kugaruka kubyo Ihuriro ryumva ryagiranaho imikoranire na IDEA, Umunyamabanaga Nshingwabikorwa yababwiye ko hashingirwa kuri Gahunda z'ingamba z'ibikorwa by'Ihuriro ry'imyaka itanu (2016-2021) "Strategic plan 2016-2021". Aha abwira abahagarariye IDEA ko hakwitabwa cyane ku mahugurwa y'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere atangwa n'Imitwe ya politiki; amahugurwa agenewe abagore bari mu nzego z'ubuyobozi mu Mitwe ya politiki; gutera inkunga amahugurwa agenewe abayobozi mu nzego z'ibanze z'Imitwe ya politiki, no gutegura ibiganiro ku ntekerezo za politiki y'abanyarwanda buri mwaka ku rwego rw'Igihugu.

Nyuma yo gusobanurirwa imikorere y'Ihuriro n'imikoranire yaryo n'Imitwe ya politiki n'izindi nzego za Leta, iyi delegasiyo yashimye ko iri Ihuriro riteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda n'andi mategeko gusa babaza aho Ihuriro rikura ingengo y'imari rikoresha imirimo yaryo ya buri munsi n'iyo riteramo inkunga Imitwe ya politiki, babaza kandi ibibazo, ryaba Ihuriro cyangwa Imitwe ya politiki byahuye nabyo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa mu gusubiza ibi bibazo, yabwiye iyi delegasiyo ko Ihuriro ribona Inkunga ya Leta, rishobora kandi kubona Impano; ahandi hashobora kuva umutungo ko ari irage; cyangwa inyungu zikomoka ku bikorwa by'Ihuriro nk'uko biteganywa n'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro. Ubu uretse inkunga ya Leta, Ihuriro rikaba rifitanye amasezerano y'ubufatanye n'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Ritsura Amajyambere (PNUD).

Iyi delegasiyo yashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, yashimye kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi.



*Pr. Adebayo Olukoshi, Umuyobozi wa IDEA/ Afrika*

Umuyobozi wa International IDEA muri Afrika Pr. Adebayo Olukoshi yabwiye abari muri iyi nama ko bashimishijwe n'imikorere y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya politiki, atangaza ku mugaragaro ko International IDEA igiye kugirana imikoranire irambye n'Ihuriro asaba impande zombi kwihutisha ibisabwa kugira ngo amasezerano y'ubufatanye ashyirweho umukono n'impande zombi; asaba kandi abakozi ba International IDEA bazanye ko nabo ku ruhande rwabo bagomba gutegura ibyangombwa byose bikenewe kugira ngo aya masezerano y'ubufatanye asinywe kandi atangire gushyirwa mu bikorwa.

## IHURIRO RYASHYIZE UMUKONO KU MASEZERANO Y'UBUFATANYE NA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE

*Ku wa kabiri tariki ya 12 Nyakanga 2016; Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki rihagarariwe n'Umuvugizi waryo Madamu MUKABUNANE Christine ryashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye (MoU) na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yari ihagarariwe na Perezida wayo Bishop John RUCYAHANA.*



*Bishop John RUCYAHANA na Madamu MUKABUNANE Christine basinya masezerano*

Mu ijambo rye Bishop John RUCYAHANA, yavuze ko intego rusange ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ari ukubaka u Rwanda rwunze ubumwe, Abanyarwanda bose bafitemo uburenganzira busesuye kandi bafatanyije mu miyoborere myiza y'Igihugu no mu iterambere ryacyo. Yasabye Imitwe ya politiki kudatezuka gutoza Abanyarwanda muri rusange n'abayoboke bayo by'umwihariko umuco mwiza w'ubwubahane n'ubworoherane; kwirinda imikorere ishingiye ku kwibonamo amoko, amasano, idini, akarere, igitsina, n'ibindi; no gukomeza gukangurira abayoboke bayo kwirinda no kwamagana amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside.

Bishop RUCYAHANA yavuze ko intego y'aya masezerano ari ukugaragaza uruhare rwa buri ruhande mu kunoza imikoranire ishingiye ku bikorwa byumvikanyweho.

Yagarutse kandi ku nshingano za buri rwego aho yasabye Ihuriro gushyiraho imboni y'ubumwe n'ubwiyunge mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa bw'Ihuriro no gushishikariza Imitwe ya politiki kuzishyiraho kugira ngo imikoranire irusheho kugenda neza.

Yashimye Ihuriro ko ryatangiye gushyira mu bikorwa aya masezerano aho ryinjije ibiganiro byerekeranye n'ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya Ndi Umunyarwanda mu mahugurwa akorerwa abayoboke bagize Imitwe ya politiki, cyane cyane muri gahunda y'amahugurwa ategurwa n'Ihuriro agenewe urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere (YPLA).

Madamu Mukabunani yashimye imirimo ikorwa n'iyi Komisiyo, ayizeza ko Ihuriro rizakomeza kuyiha umwanya wo gutanga ibiganiro mu mahugurwa ategurwa naryo kugirango abanyarwanda bakomeze kugira umurongo umwe wo kubana mu mahoro. Asoza asaba Komisiyo ko yakomeza gutegura no gutanga imfashanyigisho z'ubumwe n'ubwiyunge na gahunda ya Ndi umunyarwanda kugira ngo izishyikirize Imitwe ya politiki.

Aya masezerano yashyizweho umukono hari Mininisitiri muri Perezidansi Hon. Tugireyezu Venantie, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana Oswald BURASANZWE, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge Bwana Fidele NDAYISABA, ba Komiseri bagize Komisiyo n'abakozi ba Komisiyo.

## IHURIRO RIGIRA URUHARE RUGARAGARA MU MIYOBORERE Y'IGIHUGU

Ibi n'ibyagarutse kuwa 01/7/2016 kuva isaa moya (7h30) kugera isaa tatu (9h00) za mu gitondo mu kiganiro mbwirwaruhame cyanyuze « Live » kuri Televiziyo y'u Rwanda, kinanyura kandi kuri Radio Rwanda na Radiyo z'abaturage arizo: RUSIZI, HUYE, RUBAVU, MUSANZE na NYAGATARE kiyobowe n' umunyamakuru w'impuguke mu gusesengura amakuru ya politiki Bwana Cleophace BARORE. Iyi tariki ikaba ariyo u Rwanda rwizihizaho umunsi rwaboneyeho ubwigenge

Intego y'iki kiganiro cyateguwe n'Ihuriro yari ugukomeza kugaragariza abanyarwanda ko Imitwe ya Politiki itazongera guteshuka ku mahame n'inshingano ihabwa n'Itegeko Nshinga zo kubumbatira iteka ubumwe bw'Abanyarwanda n'ubusugire bw'Igihugu, bimwe mu bigaragaza ubuyobozi bwiza buganisha ku iterambere n'imibereho myiza y'abaturage.

Mu gutanga iki kiganiro, abanyapolitiki b'inararibonye aribo Ambasaderi Polisi Denis, Ambasaderi NSENGIMANA Joseph n'Umuvugizi w'Ihuriro Madamu MUKABUNANI Christine, bibanze ku mateka y'imiyoborere mibi yaranze ubutegetsi nyuma y'ikiswe ubwigenge aho bavuze ko abanyapolitiki n'amashyaka by'icyo gihe baranzwe na politiki y'ivangura ry'amoko no kubiba amacakubiri n'amakimbirane hagati y'Abanyarwanda, kandi ibyo abakoloni bakaba bari babifitemo uruhare rugaragara. Bagaragaje ko Ishyaka PARMEHUTU na MRND yombi yahugiye mu guhembera urwango n'amacakubiri, aho guharanira ubusugire bw'Igihugu, imiyoborere myiza n'iterambere ry'abagituye byagombaga kuranga ubwigenge nyakuri.

Ku mashyaka yavutse muri za 1991, ubwo Amashyaka menshi yemererwaga gukora ku mugaragaro; izi nararibonye mu bya politiki zavuze ko yaje avuga ko ashyize imbere guharanira demokarasi n'uburenganzira bw'Umunyarwanda, ariko ntibyatinze, amwe muri yo yaheranywe na bya bitekerezo bigufi na wa muco mubi w'amacakubiri, yaje kwibumbira hamwe muri « Hutu power ». Ubwo butegetsi bubi bushingiye ku ivangura moko nibwo bwaje kubyara Jenoside yakorewe Abatutsi mu mwaka w'i 1994.

Gusa bavuga ko kwibohora ingoyi y'izo politiki z'amacakubiri byasabye urugamba rurerure rwatangiye mu Ukwakira 1990 ruyobowe n'Umuryango FPR-Inkotanyi; rurangira muri Nyakanga 1994 aho Igihugu cyasubiranye ubusugire cyari gisangaywe, umunyarwanda yongera kugira ishema ry'Igihugu cyamubwaye.

Mu gusoza ikiganiro, bibukije ko Imitwe ya politiki, yaba iyitabiriye kurwanya ubutegetsi bw'igitugu bwakoze Jenoside, yaba Imitwe ya politiki yavutse nyuma ya 1994 ndetse n'Imitwe mishya ivuka ubu, uruhare rwayo mu miyoborere myiza y'u Rwanda rushya ruragaragara, aha Ihuriro rikaba rigira uruhare cyane cyane mu guha urubuga Imitwe ya politiki irigize rwo kungurana ibitekerezo ku bibazo no kuri politiki z'Igihugu, kongerera Imitwe ya politiki irigize ububasha n'ubushobozi bwo gukomeza kwiyubaka iyitera inkunga muri gahunda zo kurushaho kwegera abaturage no kubumbatira ubumwe by'abanyarwanda.